# IMFASHANYIGISHO YA 13: GUKATIRA, GUSAZURA NO GUSIMBURA IBITI BYA KAWA

**Gukatira no Gusazura ni iki?**


Gukatira no gusazura ni ibikorwa by'ingenzi mu kwita ku ikawa bigamije kuyigumana ifite ubuzima bwiza no kongera umusaruro wayo.

- Gukatira ni ugukuraho amashami adafite akamaro, ashaje, yangiritse cyangwa yibasiwe n'indwara kugira ngo igiti gihumeke neza, kibone umucyo uhagije kandi kigire imbaraga zo gushibuka amashami meza atanga umusaruro.
- Gusazura ho ni ugusimbuza ibiti bishaje cyangwa byagabanutse umusaruro hakoreshejwe gukuraho ibiti fatizo kugirango hashibuke ibindi biti bishya bishobora gutanga umusaruro mwinshi cyangwa gusimbura igitsintsi cyose cya kawa ugatera ingemwe nshya, bigafasha kongera ubwinshi n'ubwiza bw'umusaruro w'ikawa mu gihe kirambye


**Kuki ikawa ikenera gukonorerwa no gusazurwa?**

- Ni ukugirango hongera gushibuka kw'ibiti fatizo by'ikawa bishya no kugira ngo ikawa ikigire amashami abyara umusaruro
- Kugira ngo igiti kibone urumuri rw'izuba bigatuma kirabya indabyo kandi udukoko twangiza ikawa n'indwara tukabura aho twihisha.
- Gukuraho ibiti byumye byose, amashami atagitanga umusaruro, n'ibisambo bishibuka. Ibiti bya kawa bishaje bihinduka indiri y'indwara n'ibyonnyi cyane cyane inkangabashi. Iki cyonnyi gishobora kwica burundu igiti cya kawa'.
- Kawa isazurwa nyuma t'imyaka 7 itangiye gutanga umusaruro. (imyaka 10 itewe cyangwa isazuwe).
- Iyo kawa isazuwe inshuro eshatu /Nyuma y'imyaka 30, umuhinzi akabona ko umusaruro utakiboneka neza, ibyo akura mu musaruro wa kawa birutwa n'ibyo

ashoramo, afata umwanzuro wo gusimbuza ibiti bya kawa bishaje, agatera ingemwe nshya.



Old, Unproductive Coffee



Young, Productive Heads

*Ifoto igaragaza ibiti bishaje bishobora kurwara no kuma*

**1) Gukonora**



- Gukuraho ibisambo bishibuka ku biti fatizo
- Gufungura-imyanya iri hagati y'ibiti fatizo aho amashami abisikanira, Iki gikorwa gitanga ubuhumekero bwiza.
- Kuvanaho amashami yumye n'ibiti fatizo bishaje hasi kugiti; Gukuraho amashami y'ibiti akora ku butaka

*Ifoto igaragaza gufungura hagati*

## 2) Gukata umutwe wa kawa



Gukata ni ugukuraho igice cyo hejuru cy'igiti fatizo cy'ikawa; Abantu benshi bafite ubutaka buto mu Rwanda ntibakata imitwe. Gukata bituma umubare w'amashami akura ku gice cyo hejuru cy'igiti utaba munini. Gukata imitwe ya kawa bituma gusarura byoroha ariko gukatira bigakomera

## 3) Gusazura

Gusazura ni umurimo wo guhindura ibiti bishaje bya kawa bitagitanga umusaruro, bigahinduka bishya bikongera kwera neza

**Intambwe ya 1: Kuraho Ibiti fatizo byose icyariwe cyangwa ukureho ibiti 2 usigeho kimwe**





**Gusazurira rimwe ibiti byose biri ku gitsinzi**


- Ibiti fatizo bya kawa bigomba gukatirwa kuri cm 25 -30 uturutse hasi ku butaka, bigatemerwa ku mfuruka ya dogere 45 kugirango amazi y'imvura ajye atemba. Koresha urukero rwabugenewe kubwo gukumira ko ahatemwe hinjira indwara.
- Igiti kimwe cy' ifatizo cyasigaye cyakagombye kuba ari igiti gifite ubuzima bwiza;kigomba kuba ari igiti gishobora kuraba muri uwo mwaka kandi byaba bishoboka  kikaba cyigonda cyitaza igitsinsi
- Kuraho amashami ayo ariyo yose ku giti cy' ifatizo cyasigayeho abuza urumuri kugera ku gitsinsi-ahaturuka ibishibu.

**Intambwe ya 2**: Hitamo ibishibu 3 bitegeranye kandi byakuze neza ubitereke bizavemo ibiti fatizo bya kawa



*Uko basazura kawa*

**Intambwe ya 3:** Mu gihe ibishibu bifite umwaka umwe, igiti 1 cy' ifatizo cyasigaye kizakurwaho hasigare ibiti by' ifatizo 3 bishya



**Intambwe zo gusazura**




- Igihe cyiza cyo gusazura ni nyuma y'isarura mbere yo kurabya,
- Sazura nyuma y'imyaka 7-10 usarura, Iyo iki gihe kirenze, ibiti ntibiba bigitanga umusaruro uhagije, kandi indwara n'ibyonnyi biriyongera.
- Simbura ibiti bishaje, utere ingemwe nshya nyuma y'imyaka 30 ibiti bya kawa bisarurwa. Ibi umuhinzi abihitamo agendeye k'umusaruro abona ibiti bye bya kawa bimuha. Iyo wagabanutse cyane arabisimbura.